**BIKIRA MARIYA ABONEKERA NYIRAMUKIZA VALENTINE KUWA KANE TARIKI YA 15/05/2025. MURI SALLE DES FÊTES HOTEL TANGLA, 5, AVENUE EMMANUEL MOUNIER WOLUWE-SAINT LAMBERT - 1200 BRUXELLES.**

*Itariki ya 15 z'ukwezi kwa gatanu ngaruka mwaka, ni umunsi twibukaho ko, uhereye ku ya 15 z'ukwa gatanu 1982, UMUBYEYI BIKIRA MARIYA yabonekeye ubwa mbere Valentine NYIRAMUKIZA, i KIBEHO mu RWANDA, na nubu akimubonekera. Nyuma ya 1994, ayo mabonekerwa yakomereje, aho Valentine NYIRAMUKIZA yabaga ari hose: RDC (Goma), Kenya (Nairobi), Togo (Lomé) n'Ububiligi (Bruxelles).*

*Kubera iyo mpamvu, abakristu bakurikiye amabonekerwa ya KIBEHO, yaba aya Valentine Nyiramukiza n'ay'abandi bahabonekererwaga icyo gihe, babimenyereye, bashyira hamwe bakitegura kwakira UMUBYEYI BIKIRA MARIYA, kuri Roho no ku mubiri. Bagakora noveni, bagahabwa Amasakramentu cyane irya Penetensiya, bakavuga Rozari ya buri munsi, akitabirira Misa ya buri munsi ku babishoboye, bagahazwa ku babishoboye, kwigomwa-gusiba no kwihatira gukora ibikorwa by'Urukundo.*

*Iyo gahunda y'umwiteguro igezwa ku bakristu babyifuza bo mu bihugu bitandukanye byo ku isi: ibihugu by'Amerika, Afurika, Uburayi, na Australie.*
*Uwo munsi uhuza abantu b'amadini anyuranye: bagatorika, aba-orthodoxe, abadventiste, abaporoso, abanglicani, abapentekotiste, abayisilamu, n' abandi.*

*Noveni itegura uwo munsi itangira ku itariki ya 5/5 igasozwa ku itariki ya 13/5.*

***GAHUNDA Y'ITARIKI YA 14/5.***

1. *Kwakira abashyitsi, kubayobora no kubageza ku macumbi yabo (bamwe na bamwe).*

2. *Igitaramo cy'amasengesho cyitabirirwa n'abashoboye guteranira hamwe cyangwa gukurikira kuri ZOOM cyanga kuri YOU TUBE igitaramo.*

***GAHUNDA Y'ITARIKI YA 15/5.***

*Ibonekerwa ribanzirizwa n'amasengesho arimo Ishapule, ndetse kugeza ubu, n'igitambo cya Misa. Ibonekerwa zitangazwa mu ndimi zitandukanye: Ikinyarwanda, Igifaransa, Icyongereza, hifashishijwe "Cabines de traduction".*

***UKO BYAGENZE TARIKI YA 15/5/2025.***

*Uyu munsi watangijwe n'amasengesho: Ishapule hazirikanwa amibukiro y'Urumuri, mu ndimi zitandukanye navuze haruguru n'igitaramo cyo gusingiza Imana, bisozwa n'igitambo cya Misa cyasomwe n'abapadiri bane.*

*Misa ihumuje, niho IBONEKERWA ryahise ritangira.*

**BIKIRA MARIYA ABONEKERA VALENTINE NYIRAMUKIZA KUWA KANE TARIKI YA 15/5/2025 i Bruxelles mu BUBILIGI. (Ritangiye saa sita n'iminota makumyabiri n'itanu – 12h25)**

*Valentine, aje asunika akagare ke kamufasha kugenda no kwicara, ahagarara imbere y'Alitari. Ahamaze akanya gato, yicaye asenga, ageze aho arahaguruka, ahindukira bwangu, areba hejuru, atera indirimbo:*

**Turakuramutsa Mubyeyi**.

Turakuramutsa Mubyeyi w'Imana,
Bikira Mariya ujye uduhakirwa,
Bikira Mariya ujye uduhakirwa.

Turakuramutsa Mubyeyi w'Imana,
Bikira Mariya ujye uduhakirwa,
Bikira Mariya ujye uduhakirwa.

**VALENTINE**: Karame Mama. Ndi hano, ndi igikoresho cyawe n'icy'ab'isi yose, ngo unkoreshe icyo ushaka. Ndi hano, ngo nkore ugushaka kwawe. *(Arikirije).*

**BIKIRA MARIYA**: Bana banjye, ndabaramukijeb – *(abaraho bakomye amashyi menshi bavuza n'impundu nyinshi)* - Yezu Kristu nakuzwe iteka ryose – *(mu mashyi n'impundu, abari aho barasubije bati: ni akuzwe iteka ryose).*
Ndabaramukije, murakagira abo mubyara, n'abababyara – *(abari aho bakomye amashyi)*
Murakagira abababyara n'abo mubyara - *(amashyi menshi)* - Byombi ni kimwe.
Bana Banjye nkunda, mwakoze kuza.
Buri muntu wese, arebe mugenzi we amubwire ngo: Yezu Kristu nakuzwe, kandi wakoze kuza – *(abari aho babwiranye uko **Umubyeyi** abisabye ngo: Yezu Kristu nakuzwe, kandi wakoze kuza).*

**VALENTINE**: Urakoze Mama.

**BIKIRA MARIYA**: Bana banjye, mubanze mutuze, muce bugufi, mushire igishyika, maze tuganire. Muraberewe!
Nshimishijwe nuko, mwaretse imirimo yanyu.
Nshimishijwe n'ingorane zose bamwe na bamwe baciye mo, ariko tukaba turi kumwe, kuko usanga umubyeyi we, ntaruha, ntarambirwa, kandi ntiyinuba.
Muhumure mwese nabaherekeje - *(amashyi menshi)* - Ibyo mwahuye nabyo, ibyo mwahuye nabyo ejo n'ejo bundi hahise, nta na kimwe ntazi. Inzira y'Imana irafunganye. *(Valentine arikirije)*
Ndabifuriza gukomeza kugira ibyishimo, nk'ibyo mwari mufite mu kanya. Twari kumwe mu Gitambo cya Misa.
Mbega byiza!
Mbega ukuntu nari nishimye!
Ndabashimiye, bana banjye, batuye igitambo cya Missa, aho mwaturutse hose mu bihugu bitandukanye, igihe mwari kuri alitari, nari ndi kumwe namwe, n'Umwana Wanjye yari ari kumwe namwe - *(amashyi y'abari aho).*
Murakagira abababyara, n'abo mubyara - *(amashyi y'abari aho)*

Munyumve neza, abenshi hari igihe bibeshya ko kubyara, ari ukubyara mu nda.
Kubyara ni ukurera: umubyeyi wese urera aba ari umubyeyi, n'uwabyaye aba ari umubyeyi.
N'uwabyaye ku buryo bwa roho, aba ari umubyeyi. Mwese muri ababyeyi, murakagira abababyara n'abo mubyara. *(Abari aho bakomye amashyi).*
Numvaga Misa yakomeza, kuko nta cyiza cyari kirenze kiriya, byose byari byiza.
Abenshi, bumvaga isaha yarenze. Nababwiye ko aho muzajya muteranira nzajya mba mpari.
Nari mpari. Ku isaha nyayo. *(Valentine arikirije)*
Abenshi babara amasaha: Ngo yaje ku isaha, makumyabiri n'ebyiri; ngo yaje ku isaha, saa sita na cumi n'itanu; saa sita na makumyabiri n'itanu; saa sita na makumyabiri n'itandatu.
Nibyo koko. Mwese nta kosa mufite, hari iki gihe naziye ku isaha naziye ubwa mbere.
Nari mpari. Ariko mwebwe, mbasuhuje, bigeze muri aya masaha. Makumyabiri, iminota makumyabiri n'itanu, makumyabiri n'itandatu, bitewe n'aho abantu bari, cyanga nuko babirebye.
Ndashaka kuvuga saa sita na makumyabiri n'itanu, makumyabiri n'itandatu, n'iyindi...
Ntabwo rero mwibeshye; ni isaha mwamboneye, ariko naje kare. *(Valentine arikirije).*
Twaririmbanye indirimbo Mubyara wanjye Elizabeti, yansuhuje mo *(Valentine arikirije).* Abera bavuga ngo ni Magnificat. *(Valentine arikirije, hanyuma arabaza ati)*:

**VALENTINE**: Iwanyu muyita ngo iki? *(Ateze amatwi, arikiriza)*.
Nibyo. Yego nabyibutse. Saa sita, indamutso ya Malayika.
Mwamikazi wo mu ijuru wishime alleluia.
Kuko tukiri mu gihe cya Pasika hano iwacu. *(Valentine arikirije)*

**BIKIRA MARIYA**: Bana banjye mwongere mundirimbire « Magnificat. »

**VALENTINE**: Iyo uvuga rya zina ry'iwanyu cyangwa iry'iwacu mu Kinyarwanda!

**BIKIRA MARIYA**: Ni uko, twaje duturutse impande zose?

**VALENTINE**: Nibyo. Ubwose ko nari nturutse iwacu namwe muturutse iwanyu, si dusanzwe tuvugana mu Kinyarwanda gusa. *(Valentine arikirije)*. Ab'iwanyu? Ntabwo nzi ururimi bavuga! *(Valentine arikirije, atera indirimbo)*

DUSINGIZE IMANA.

**R**/. Dusingize Imana,
Yaduhaye ibyiza,
Iduha ubugingo bw'iteka.

1/ Roho yanjye irasingiza Nyagasani,
N'umutima wanjye uhimbajwe n'Imana Umukiza wanjye.

2/ Kuko yitegereje ubukene bw'umuja we,
Dore kuva ubu ngubu amasekuruza yose azanyita Umuhire.

3/ Kuko Nyirububasha yangiriye ibintu by'agatangaza,
Izina rye ni Ritagatifu.

4/ Kandi abamutinya abagirira impuhwe,

Uko amasekuruza agenda asimburana n’amasekuruza.

5/ Yerekanye imbaraga zimuri mu maboko,
Yatatanije abikuza mu bitekerezo by’umutima wabo.

6/ Yahanantuye abategetsi bakomeye bava ku ntebe zabo,
Maze akuza abakene.

7/ Abashonji yabagwirije ibyiza,
Maze abakire bagenda amara masa.

8 /Yatabaye Israheli umugaragu we,
Kuko yibutse impuhwe ze.

9/ Nkuko yari yarabibwiye abakurambere bacu,
Agirira Abrahamu n’urubyaro rwe iteka.

10/ Hubahwe Data na Mwana na Roho Mutagatifu,
Uko bisanzwe iteka hubahwe n’ubu n’iteka ryose amina.

**R**/. Dusingize Imana,
Yaduhaye ibyiza,
Iduha ubugingo bw’ iteka.

BIKIRA MARIYA: Murakoze bana banjye. *(Valentine arikirije arapfukamye, abumbira ibiganza mu gatuza).* Bana banjye nkunda. Nejejwe, n’uko, muzirikana, n’uko mwubahiriza, nuko mwitanga ariko cyane cyane uko musenga mwitegura uyu munsi.
Nshimishwa n’uko mutagenda nk’inka bajyanye mu rwuri, cyangwa se buhiye.
Ko mubanza kwitegura mu mutima, mukitegura mu mubiri wanyu, no ku mubiri inyuma, mugasa neza hose. Nabyaye neza, kandi mbyarira henshi.
Bana banjye, muri kano kanya, buri muntu wese niyinjire mu mutima we. Muri ya mfuruka, atabona mo byose, ngo abyishoborere. Hahandi mwashyize ibyabananiye kubabarira. Hahandi mwashyize ibikomere mwagize. Hahandi mwababajwe mugakomereka. Hahandi babateye ibyuma mwareba inkovu mukaba mukihibuka.
Ndabasabye muri aka kanya bana banjye, kuri iyi tariki, muri uyu mwaka, kuri iyi saha, ndambuye ibiganza byanjye nk’Umubyeyi.
Ni mubimpereze mbakire, muruhuke, kandi mubabarire mubikuye ku mutima.
Kubabarira ni umuti; kubabarira biravura; kubabarira biraruhura; kandi kubabarira, niwo mukiro ujyana mu Ijuru.
Mujye mubabarira vuba. Nimurakara, mugaruke vuba, musabe imbabazi.
Mujye mutanga imbabazi bana banjye, mutagoranye kuko nawe uba ubohotse ku kikubabaza.
Ntimukababaze imitima yanyu, abababababaza bishimye. Ntimukabere, akabati, abandi. Ikibi mujye mugishyira ahabi. Icyiza mukibike mu mutima.

Bana banjye, abo turi kumwe n’abo tutari kumwe, bana banjye b’isi yose, abanyumva mwese muri aka kanya, nimumpe imitwaro yanyu mbakire.
Icyabananiye cyose muri akakanya, nimukimpereze, buri muntu wese, muruhure.
*(Valentine yikirije kabiri)*.

**BIKIRA MARIYA**: Bana banjye, Rozari ni akabando gakomeye. Ni inkoni itavunika.
Rozari ni inzira itarambirana; Rozari ni inshuti; Rozari ni umuvandimwe; Rozari ni

umuherekeza kuko iyo muyivuga, muba mwuzuye. Utambuka hose.
Ndabasabye, Rozari yanyu muyigire akabando kanyu.

**VALENTINE**: *(Ateye indirimbo)*

TWAMBARIYE URUGAMBA.

1/ Rozari ya buri munsi,
Twambariye urugamba.
Nayo ishegesha shitani,
Twambariye urugamba.
Bana banjye ndabakunda,
Twambariye urugamba.
Ndabakunda ndabakunda,
Twambariye urugamba.

**R**/. Twambariye urugamba,
Twambariye urugamba,
Duhore turi maso.
Kristu Umugaba wacu,
Aturangaje imbere.
Na Mariya aturi imbere,
Twambariye urugamba.

2/ Nshuti zanjye ndabakunda,
Twambariye urugamba,
Ndabakunda ndabakunda,
Twambariye urugamba.
Ntacyo muzaba turi kumwe,
Twambariye urugamba.

**R**/. Twambariye urugamba,
Twambariye urugamba,
Duhore turi maso.
Kristu Umugaba wacu,
Aturangaje imbere.
Na Mariya aturi imbere,
Twambariye urugamba.

**BIKIRA MARIYA**: Bana banjye nkunda, gusenga niyo nzira iboneye.
Iyi ndirimbo musabye kuririmba, aya magambo niyo nanditse; kuko ntabwo ariko akurikirana. Ariko aya magambo muyumve neza. Ajye ahora, agendana namwe.
Igihe ubabaye, ujye ufata Ishapule yawe; ufate Rozari yawe.
Nujya kuyivuga uvuge uti: Dawe, iyi Shapule ndayigutuye. Uko nyivuga kose niko mbizi, ni na byo bindimo, ndabivuga uko mbizi ahasigaye uhamvugire.
Nunyambaza Mwana Wanjye, tuzayifatanya, kandi n’urugendo tuzarugendana.

Bana banjye ntimukagire ubwoba. Ntimugaterwe ubwoba n’abadafite imbaraga za roho.
Ugutera ubwoba, aba afite icyabumuteye cyangwa ikiri kubumutera.
Urwanya ikintu cy’Imana aba afite na we ikimurwanya.
Ntukihutire kumucira urubanza, ujye ahubwo umusengera, umusabire imbabazi; umusabire no guhinduka.

Kino gihe turimo Bana Banjye, **ni igihe gikomeye**: igihe **umukristu, agomba, kurwanira ukuri. Umukristu agomba kuvuga ukuri**.
Ni igihe cy'**Abamaritiri: abahohwe Imana**!
Ni igihe **ukuri kw'Imana kuzashaka gupfundikirwa**, ariko, uvugisha ukuri, ntagire ubwoba bwo kukuvuga uko kuri.
Muramenye ntimuzatsindwe n'ubwoba ngo mukore icyaha, cyo guhakana icyo wabonye, icyo wumvise, icyiza wagiriwe.
Ndabasabye **iki ni cya gihe cyo gutsinda kamere zanyu, mukagarukira Imana**.

Mujye mwibuka Yezu mu murima w'imizeti. Bana banjye, yabize ibyuya by'amaraso, atekereza icyo agiye gukora n'icyo agiye gukorerwa. Ntimukagire ubwoba, ngo muvuge ikitari cyo, kugira ngo mugure inzira yo kunyuramo.
**Ukuri kujye kuba ukuri**, ikinyoma ugendere kure yacyo wicecekere.
Ntimuzabe "**Nguriyoca"**. Muzabe "**Ngure-uwo-niyeguriye"**. **Ntimuzatinye kuvuga ukuri**.

Ndabizi ko muri mwebwe mwese muhorana ibitotezo, n'ibigeragezo, by'ababakuriye ba Kiriziya; babakoresha ibyo bashaka, bababwira ibyo bashaka, babemeza ibyo bashaka.
Mugira amahirwe ko nza nkabahwitura, nkababwira.
Hagowe uwo nzabaza icy'Ukuri namubwiye, navuze, aho yagishyize, akagendera mu kinyoma. **Ukuri kuratsinda, ukuri kurubaka kandi ukuri kurakomeza**.

Ababatoteza ntibayobewe Ukuri babikora babishaka. Ahubwo n'uko Ukuri, kubabuza gukora, ibyo bishakiye. Ntimukababazwe rero n'ibyo babakorera.

**VALENTINE**: *(arikirije)*

**BIKIRA MARIYA**: Bana banjye, nzi neza ko, uyu munsi iyo ugiye kugera, ibibi byose birahaguruka; ariko ibyiza birabiganza. Ibitotezo biba byinshi; ariko ukuri kuratsinda.
Nababwiye ko n'iyo tutabona aho duhurira nk'aha, n'iyo haba mu nzira y'inzitane, nagennye kuza sinzasiba. Kandi aho nzaba ndi hose nzabamenyesha. Haba ari hano cyangwa ahandi.
Mbese n'iyo haba, ku muhanda. Aho ari ho hose ndetse naho mutinya kuvuga izina, nahaza. Kuko Njyewe nababwiye ko isaha ari isaha, umunsi ari umunsi, ntabwo nshobora kuvuga ngo habaye ikintu sinaje. Ntabwo nica umugambi.

**VALENTINE**: *(arahagurutse, arikirije, yihanaguye amarira)*

**BIKIRA MARIYA**: Bana banjye, ibyo byose mbibabwira kugira ngo, mwumve neza aho isi igeze. Isi iragendera mu kinyoma; ndetse no mu bihayimana; ndetse no mu bakristu; mu babyeyi n'abana. Abashoboye gusenga nimupfukame; musenge koko; mwibabaze kugira ngo isi ibone **amahoro**. Kuko, isi irugarijwe. Iyo hatabaye kimwe, haba ikindi.

**VALENTINE**: *(arikirije kabiri)*

**BIKIRA MARIYA**: Bana banjye, uwo nagize igikoresho cyacu, cyanjye, ahora, ahangayikiye isi, ayisabira amahoro; ahangayikiye abantu, abasabira amahoro no gukira; asabira ibihugu byose birimo intambara.

**VALENTINE**: *(abumbatije ibiganza bye)*

**BIKIRA MARIYA**: Gusinzira biba ari bike, n'ibindi byinshi.
Namwe nimwigomwe, kugira ngo, murokore roho zanyu n'iz'abanyu, n'iz'abandi. Ntugasenge wisabira, ujye wibuka n'abandi. Ujye usabira cyane cyane abanzi bawe. Ubasabire guhinduka. **Kuko umwanzi ahindutse, isi yaba nshya**! Abantu bose bakora neza.

Bana banjye, mwe kwihambira ku by'isi: iby'isi bishira vuba, iby'isi turabisiga, iby'isi biradushuka, iby'isi bituma duhemuka, kandi byose, iyo umunsi ugeze, ntawe ujyana na kimwe. Uko umuntu yavuye mu nda y'isi niko asubirayo. Ariko, mu gikirisitu baravuga ngo « **wavuye mu gitaka uzasubira mu kindi**. » Nibyo koko, kubera yuko aho wavuye ntuhazi, n'aho ugiye ntuhabona.
Wavutse utabona, ubona ugeze hanze. Upfuye nabwo, ntiwamenye ko bagushyize mu gitaka. Ni icyo nashakaga kubabwira.

**VALENTINE**: *(arikirije)*

**BIKIRA MARIYA**: Ndabashimiye, ubwitange bwose mwagize, bwo kugira ngo, mutegure uyu munsi. Mwebwe mwitanze, kugira ngo twicare hano, tuhahurire, murakagira abababyara!
Mwebwe mwigomwe, mukigomwa byose, mugaca mu bitotezo, namwe murakagira abababyara!
Bana batoya bitambambuga, rubyiruko, Bana banjye mwakoze kuza.
Sinyobewe ko, bamwe na bamwe bahangayitse, abashaka vocation, munyumve neza bana banjye, ndavuga mu rurimi mwumva: amahitamo y'icyo mushaka kuba cyo: Kwiyegurira Imana, cyangwa gushinga urugo; abashaka akazi ntibakabone; abiga, bakagira inzitane zo kubona impamya-bushobozi zabo, ibyo byose bikabaca intege. Mujye musenga. Mwizere kandi musabe. Muvuge muti: "Ese koko, iyi nzira ndimo ni iy'Imana, biraturuka ku Mana, cyangwa ni ku mwanzi shitani ushaka ko, ibi byose bimbaho ngo ntasenga nihebe!" **Mujye mumenya ko ndi Umubyeyi, ubakunda, munyiyambaze, mumpamagare, munsabe**. Murakagira abababyara Bana banjye!
Bana banjye, ndabizi ko hari benshi bafite intege nkeya, abarwaye, ndetse n'abafite uburwayi batazi ko bafite; ndetse n'abarwaye kuri roho. Ariko mukaba mwirengagije ububabare, n'ibibazo mukaza munsanga. Murakagira abababyara Bana banjye!
Namwe baje bwa mbere, mbahaye umugisha namwe: Murakagira abababyara!
Namwe mwese muri ku byuma by'abazungu, ndashaka kuvuga, ibi byose byateye abantu bose, basigaye bareberaho, iby'isi byose bihita. Ibyo bita ibyuma by'abazungu. Niko mubyita! Ndashaka kuvuga ibyasimbuye, ubumenyi gihanga-muntu.
Namwe aho muri hose ku isi hose, mbahaye umugisha: Murakagira abababyara!

**VALENTINE**: *(arikirije)*

**BIKIRA MARIYA**: Namwe bana batoya b'impinja, n'abo mukurikira batazi ubwenge, batazi icyo bakora n'icyo bumva, mbahaye umugisha, wo gukura neza, mukunda Imana, mwubaha, kandi mwiga neza. Murakagira abababyara!

Bana banjye, muribuka amasengesho bamwe na bamwe twamazemo iminsi dusenga, n'umwiherero twakoze iminsi itatu, byose bigira akamaro. Byose biruzuzanya kuko amasengesho agabanura ubukana, bw'ibyago byugarije iyi si; bw'ibyago, byugarije ibihugu; by'intambara z'urudaca, ziri mu mitima y'abantu n'intambara zikorwa n'abana b'abantu, mu bushake, n'urukundo ruke.

**VALENTINE**: *(arikirije)*

**BIKIRA MARIYA**: Abapfa, ni abana banjye. Abica, ni abana banjye. Mwumve ako gahinda mfite. Ariko mujye mumenya ko, **impuhwe zanjye ari urusagirane**.

Mujye mumenya ko ndi **Umubyeyi**, unyiyambaje wese, mba kumwe na we.

Nibuka ko, igihe dukora umwiherero bwa mbere, nababwiye nti: « **Kiriziya, igiye guhura n'ikibazo. Umushumba mukuru wa Kiriziya, i Roma ahagarikire hagati imirimo ye, ngo mumusabire cyane kuko n'uzamusimbura, mumusabire**. » (1)

Ariko cyane cyane nkababwira ngo: « **ugiye kuyihagarikira hagati, arananijwe**. »

**Nari inzi icyo mvuga**. N'umusimbura, muzamusengere atazananirwa, akananizwa, cyagwa se akagira, ibindi bihinduka, bitari ngombwa. Abo bombi, ntibakiriho.

Ejobundi bongeye batora undi, mushya.

Bana banjye, hariya, ku ntebe, i Roma ya Petero harakomeye. Bavuga ni intebe ya Petero, niko abakristu bose bavuga. Ariko n'**Umwana wanjye, ni we**. Ni We wagabye iyo ntebe.

Mujye musenga kugira ngo uyicayeho, akore igitunganije n'icyo **Yezu** ashaka. Ye kuzaba nk'umutegetsi w'isi, ugendera mu by'isi, ugendera mu bihise byose, na bya bindi nababwiye byasimbuye, ubwenge-gihanga, ahubwo agendere, ku **Mutimanama wa Yezu Kirisitu** kuko aba ayoboye imbaga y' isi yose.

**Aba ayoboye Kiriziya z'isi yose abemera n'abatemera** nk'uko Yezu yapfiriye abanyabyaha n'intungane.

Ndabasabye, mwe kumva ko twabonye Papa ko byose biri mu buryo.

Ni dusenge; amasengesho tuyongere kugira ngo, hajye hakorwa **ugushaka kw'Imana**, atari ugushaka kw'abantu.

Musabira Papa kugira ngo, akomeze mu **nzira ya Yezu** n'abandi bose, bagendere mu **nzira ya Yezu**; abakaridinali bagendere mu **nzira ya Yezu**; abasenyeri bagendere mu **nzira ya Yezu**; abapadiri bagendere mu **nzira ya Yezu**; n'abandi bose, babakurikiye, mu **nzira ya Yezu**; namwe bakristu, mugendere mu **nzira ya Yezu**.

Mufashe uje abasanga, byose mubikore mu **Rukundo**.

Namwe bana banjye, ndi kumwe namwe, muri kumwe nanjye.

Ndabasabye, mukomeze kugendera, mu **nzira ya Yezu**.

Ntimuzacike intege, ngo mukurikirane ikinyuranyije.

**Ni munyiyambaza nzabatabara mbabe hafi**.

**VALENTINE**: *(arikirije)*

**BIKIRA MARIYA**: Bana banjye, ndifuza **Ubumwe**. **Ubumwe bw'Abakirisitu**.

Kiriziya ikubiye **mu bumwe bw'Akabakirisitu** kuko mwese muri aba **Kirisitu**.

Ni mwubake **ubumwe ku isi hose**: mwubake ubumwe mu mitima yanyu; mwubake ubumwe aho muri hose, no muri Kiriziya zanyu.

Bihayimana, ni mwubake Ubumwe; musangirire ku mbehe imwe; muhurire ku meza Matagatifu. Muramenye, ntimuzabe nk'igiti giteye kitera imbuto kuko icyo giti iyo kirambiranye mu ishyamba cyangwa mu murima, batera urubuto ntirwere, bararurandura, igiti bakagitema.

**VALENTINE**: *(arikirije)*

*Cfr Message du 24/10/2012 de Notre Seigneur Jésus Christ à Valentine Nyiramukiza.*

**BIKIRA MARIYA**: Bana banjye, musengere amacakubiri aba muri Kiriziya yacu, yanyu, yabo.

Musengere, abihayimana bagire Urukundo; musengere abakirisitu bagirane Urukundo.

Ntimukarebane ijisho ribi kandi mwicaranye, mwaje gusingiza Imana cyangwa se aho muhuriye mu nzira.
Mujye mwishimira gufashanya, mufatanye urugendo; mufashanye urugendo; mufashanye ibyo mugiyemo kandi musangirire hamwe. Ntuzagire na rimwe uhaga, undi ari kwicwa n'inzara. Ntuzagire na rimwe wambara, undi yambaye ubusa. Ntuzagire na rimwe wishimira ku rupfu ruri kuba ku bandi, kandi nawe uzapfa. Ntuzishimire umubabaro w'abandi, kandi nawe uzababara. Ndi kubibabwira kuko bibaho.
Ntuzahimbire mugenzi wawe ngo umubeshyere, kubera ko hari icyo ushaka kugeraho. Ntuzacire mugenzi wawe urubanza, kandi umubeshyera. Ntimugatoteze bagenzi banyu. **Muzatsinde inzangano, mwimike Urukundo**.

Bana banjye, hari abiha kurwanya ko naje i Kibeho kubasura. Ntawe urwanya ikitarwanyika. Noneho, abandi bakandambirwa, ngo naratinze.
Bana banjye, icyanzanye, sindakigeraho. N'icyazanye Umwana wanjye n'ubwo bamwihakanye, ntikiragerwaho.

**Mbatume**: Ijambo rya mbere ryazanye **umwana wanjye Yezu Kirisitu i Kibeho,** muzambarize iryo ari ryo? Yari aje gukora iki? Yashakaga iki? Kuki yaje? Ibyo bintu nibabibasubiza, byose bizaba byuzuye.

None se, ko naje i Kibeho, kandi nubu ndahari. Bafunga batafunga sinjya nsiba. Ese aho, cya gihe nti kigiye kugera, aho umuntu, aha umwana we umunani, umwana we akawupfusha ubusa? Undi bakamuha umunani akawubyaza umusaruro? Undi bakamuha umunani, akawukoresha uko utagomba gukoreshwa?
Munyumve neza. Bakawukoresha, icyo batagomba kuwukoresha.

**VALENTINE**: *(arikirije)*

**BIKIRA MARIYA**: Ubundi iwanyu mu Kinyarwanda, ndetse n'ahandi hose, iyo umubyeyi, asabye umwana umukunda na we akunda, amuha icyo yamusabye.
Nanjye nasabye, kunyubakira ariko sinasabye gusa bana banjye. Naberetse aho nshaka nifuza. Ndategereje!
Iyo rero umubyeyi asabye umwana, ntabwo umwana amuhitiramo aho ashaka. Haba hajemo gusuzugura umubyeyi, cyangwa se, kumuvuguruza.
Ushobora kubwira Mama wawe cyangwa Papa wawe ukamubwira uti: "wowe urakuze, hariya hantu si heza, hano ni heza; iki ni cyiza, kiriya ni kibi."
Njyewe siko bimeze, naje ari icyo nshaka, ari cyo mbabwira, mbereka n'aho ariho ngo mutampitira mo. Ibyo nanze nibyo muri gushaka gukora. Ese urumva ari byo?

**VALENTINE**: *(arabajije ati)*: Ni ibihe Mama?

**BIKIRA MARIYA**: Bana banjye, ntabwo nigeze, ntera intambwe ngo nambuke amazi.
Aho naje ni aho. Nongere mbasubirire mo: Ayo mazi, sinayambutse; sinzanayambuka.

**VALENTINE**: *(arikirije*

**BIKIRA MARIYA**: Hari abatotezwa benshi bazira kuvugisha ukuri kw'aho nasabye banyubakira Chapelle. Nongeye kubisubiramo, kuko birambabaza; kuko harimo benshi batotezwa mutazi. Benshi bashobora kurwara umutima bana banjye.
**Kubera gushaka gukora ibiri ukubiri,** abandi bagashaka gukora ibitari ukuri, bigatuma abihayimana bahaguruka, bagatoteza utagize aho ahurira nawe. Bagahera impande zose, ngo kuko batamwemeye mu babonekewe.

Bana banjye, nta kindi kigaragaza kwemerwa; **ahubwo icyiza ni ukugaragaza icyo watumwe**. Icyiza ni ukugaragaza icyo watumwe. **Ukavuga icyo wabwiwe**.

**VALENTINE**: *(arikirije)*

**BIKIRA MARIYA**: Hahirwa uzumva icyo navuze; uzakora icyo nasabye; uzuzuza icyifuzo cyacu kuko nta wemerwa kabiri. Njyewe ubwanjye ubabonekera, njyewe ubwanjye wabahamagaye nkababakura iwanyu, narabemeye. Undi mushaka ni inde? Abandi ni ab'isi. Bizaza nyuma... Kandi nababwiye **ko ibya mbere bizaba ibya nyuma** bana banjye.

Sinzabe "Nyamwisiga-ngo-nisange". Ntimuzabe "Baburamwaje".

Ibyo, mujya muzirikana impamvu nabibabwiye? Nabivugiye i Kibeho; hahandi ku ruhimbi bashenye. Ngo sinzabe "Nyamwisiga-ngo-nisange"; ntimuzabe "Baburamwaje."

**VALENTINE**: *(arikirije kabiri)*

**BIKIRA MARIYA**: Bana banjye, nongere mbabwire: nasabwe amazi i Kibeho. Ntayo natanze.

**VALENTINE**: Karame.

**BIKIRA MARIYA**: Nahaye umugisha amazi yabaga yavomwe; akazanwa guheshwa umugisha ariko ntabwo nigeze mpa amazi, isoko.

None se murumva bitababaje, kumva muyinsaba nkabahakanira mukayihimbira?

Ikitwa ko ari isoko nk'izindi.

Ese izindi soko natanze muzi – *(Valentine arikirije)* - muzi, impamvu yazo?

Hariya ari, habaye ayahe mateka?

Cyakora bana banjye, uyavomye, akayazana, aho nakandagije ikirenge cyanjye, nyaha umugisha; kugira ngo adatahana ibituzuye kandi yakubise amaguru.

Uyahesheje umugisha, nayo, umugisha umugirira akamaro kandi ukamukiza.

**Abayavomye mujye muyatereka iminsi, muzamenya impamvu**.

Rero ndabinginze; nimuce bugufi mwumve; mureke kugendera ku maranga mutima; mureke kugendera ku kinyoma; mureke kugendera kubyo mwita abemewe n'abataremewe.

**Igihe nazaga ko mwari benshi, mwajyaga he ko nta wari yemewe?**

Ntimugace imanza, ngo mucibwe intege n'abatazifite.

Nta na rimwe, nca urubanza. Nta na rimwe nigisha kugira nabi. Mbigisha urukundo, gusenga mu kuri, gukundana, kubabarira, kwiyunga, no gusabana imbabazi.

Nta na rimwe ndabaha umunsi ngo ngwice.

Muhera hehe, munyita shitani, ko n'uwo nigaragariza, atambona abona ibindi? Aho nti cyaba ari ikibarimo kibavugiramo, mugaca imanza mutazi impamvu?

Namwe murarwaye, bana banjye nimwivuze.

**Kubera ko nta shitani ishobora gutunga urutoki iyindi ariko ho Imana iri bayitunga urutoki kuko shitani itaba iyishaka.**

**Nibabatoteza mujye mwishima kuko iyo ukora nabi abantu baishima; ariko iyo ukora neza, barakwanga.**

Rero, impamvu tuza ni uko tuzi Ukuri. Kandi uko kuri, kuri hafi kugerwaho. Kandi uko kuri ni ko kugenda kugaragara buhoro buhoro.

Nababwiye ko, nabyariye henshi. Uwo bazirukana muri Kiriziya azasengera mu rugo. Ntuzacike intege kubera ko n'igihe cy'icyorezo, bise "Korona", mwasengeye mu rugo.

Ndetse Kiriziya ibategeka kujya murebera kuri televisiyo. None se! Ntimugacike intege rero kandi simbabwiye ngo ntimukajye mu Misa. Ndavuze nti: **Nibabaca mu mu Kiriziya, simbabwiye ngo muzacike yo**.

**VALENTINE**: *(arikirije kabiri).* Ese ubundi wazaretse Mama, nkagenda jyewe ngasubira i Kibeho? Hi. Nkagenda nkabereka ahantu hari rwa rutara, noneho bakaruhashyira; abantu bakazajya bamenya ibyahabereye. Na bya bindi bategura by'ishinge byose nkongera nkabitegura *(yikirije kabiri)*.

**BIKIRA MARIYA**: Ntimugasenye amateka. Ntimugashakire inyungu mu bindi mwitwaje izina ryanjye. Bana banjye, nabyariye hanini. N'ubu uyu munsi, abashinzwe kubaka, n'ahazubakwa, aka kanya bemeye ibyo nashakaga, intambwe nateye, abana nabyaye bose, barara bahujuje. Buri muntu wese azagire ubutwari bwo gushyiraho itafari rye ariko biciye **mu kuri**.

**Ntabwo habuze uburyo bana banjye: habuze ukwemera, habuze gukoresha ukuri, habuze gukora icyo nabifujeho, habuze kuva ku izima kuko n'uyu munsi, byemeye uko mbishaka, byemeye uko nabisabye, intambwe nateye n'uko navuze bazanyubakira, uburyo bwo kuhubaka ntibwabura kuko nabyabye abashoboye n'abashoboza abandi. Ibyo mbabwira ni ukuri.**

None se bana banjye, aha nabahitiyemo nkahabazana, muzi bigenda gute? Ni abo bana bose. Kandi kabiri tuhaza gatatu, haba hubatse, aho nifuje. Ubwo se urumva hatabuze ubushake? Abwirwa benshi akumva bene yo!

**VALENTINE**: *(arikirije)*

**BIKIRA MARIYA**: Mbibabwira kenshi bana banjye. Uwo ntuma ntashinzwe kubemeza, ibyo mudashaka, cyanga kwemera ibyo mudashaka kwemera. Ariko nzababaza ibyo nasabye ko munkorera. Ese aho abemewe mumbwira, mwemera, ko harimo abo nasabye, nkabereka, nkabatuma, mwakoze ibyo nabatumye, nabasabye, naberetse?

**Bitekerezeho nawe wibaze; ubone guca urubanza.**

**Ngiryo totezwa ry'igikoresho cyanjye bana banjye kuko asubira mu mateka y'ibitavugwa, y'ibitazwi, y'ibyo badashaka ko abantu bamenya**. Kandi, ni **bucura bwacu**, ko tuzamutuma hose, aho dushaka n'igihe dushakiye. Niyo mpamvu ahura n'imijugujugu myinshi itandukanye. Ariko, ntacika intege kuko aba ari kumwe na Twe. Niyo mpamvu, hageragejwe kenshi kumuvutsa ubuzima ariko ukuboko kwanjye, kumukingira ikibaba.

**VALENTINE**: *(arikirije hanyuma ati)* - Murakoze Mama.

**BIKIRA MARIYA**: Bana banjye, nababwiye byinshi mbabaye kandi nishimye: mbabajwe n'ibibera kuri iy'isi, mbabajwe n'ibikorwa n'abana b'abantu; ngashimishwa namwe, na bariya, bateraniye hamwe kuri uyu munsi.

Bana banjye aho muri hose, nteze amatwi, ndambuye ibiganza. Nimunsabe icyo mushaka.

*(Abari aho buri wese asabye icyo ashaka bucece mu mutima we)*. Wowe wemera, nawe utemera, wowe waje ushidikanya, ntugendere ku bitangaza ariko unsabe ikimenyetso ubikuye ku mutima, udashidikanya. Wakibona uyu munsi cyanga ejo, n'igihe kizaza.

**VALENTINE**: *(arikirije, incuro enye)*. Ndawugendana; ahantu hose mba ngufite. Imyaka ibaye myinshi cyane, kuva mwawumpa sindawurekura. Kere…, ariko Mama, uzi ko "ese nkubwire bukeya" *(ibi abivuze yongorera).* Uzi ko hari umuntu warwaye, akaza mu rugo ariko ni umwana wawe ugukunda, ntabwo mvuga izina abantu b'iwanyu

barumviriza; nuko araza, uwo Musaraba ndawushaka hose no mu… hose, ndawubura! Nuko ndageragezaa noneho, nyumaaa, nza kuwubona. Byari byagenze gute?

- *(arikirije, afashe umusaraba mu kiganza cy'iburyo, arawerekana, asa n'uzunguruka awerekana ngo bose bawubone. Ateze amatwi, arikiriza, yongeye atega amatwi, arikiriza, arongera, arikiriza, hanyuma aravuga ati):*

None se ko mwambwiye ko ari ukugira ngo nzajye ngukoresha nsengera abantu, noneho uwo munsi kuki nari nawubuze? - *(arikirije, hanyuma ati):* Abantu b'iwanyu ntabwo, bashobora kuwuntwara! - *(arikirije ati):* Oya; ntabwo uzi ko muri **Togo** twagiye, tukawusanga umanitse; shitani yawumanitse hamwe bashyira imodoka mu igaraji! Han! Hu! None se hahandi muheruka kuntuma se ho sinabikoze! - *(arikirije, arongoreye ati):* Ariko byari bikomeye nari ngiye kugwayo!
Ihi! Ariko byari byiza kugutumikira. Mujye muntuma aho mushaka hose, nzajya yo kandi mbatumikire. – *(arikirije)* - N'abana muzampa bose nzabarera. Ndababatuye! - *(yikirije kabiri, ati)*: Murakoze.

**BIKIRA MARIYA**: Bana banjye nkunda, mwese uko muteraniye hano, mwese ntawe nciyeho, mbita abana banjye kuko mwese muri abana banjye. Aho buri muntu wese ari, abicaye mu rugo, abo turi kumwe n'abo tutari kumwe, n'ababyifuje bakabura uburyo, n'abari mu kazi, bana banjye turi kumwe. Namwe muri hano turi kumwe, kandi ibyo mwambwiye nabiteze amatwi. Mwakoze. N'ibyo mwanditse, byose nabirebaga muri kwandika. N'ibyo mwanditse igihe cyashize.
Bana banjye, **mbahaye mwese umugisha usesuye -** (abari aho bose bakomye amashyi).
**Mwese mbakubiye mu gishura cyanjye** - *(amashyi menshi y'abari aho)*.
Uwaje hano wese, muhaye Umugisha:
Ku izina ry'Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu, Amina.
Ku izina ry'Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu, Amina.
Ku izina ry'Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu, Amina.
Ku izina ry'Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu, Amina.
Ku izina ry'Imana Data na mwana na Roho Mutagatifu, Amina.

*(Valentine atanze uyu Mugisha, ahagaze imbere, yikoreraho ikimenyetso cy'Umusaraba, ariko ahindukira areba impande zose abari aho bicayemo).*

Mpaye Umugisha, abari kunyumva bose hose nabazanyumva bana banjye; mbahaye umugisha.
Ku izina ry'Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu, Amina.

*(Valentine arambuye amaboko yikirije kabiki ati):*

Icyo muzashaka cyose, n'aho muzantuma hose, n'uwo muzantumaho wese.

**BIKIRA MARIYA**: Mbahaye umugisha mushyire abo mwasize mu rugo, abo muri buhure, incuti, ababyeyi, abavandimwe n'abo mwashakanye, n'abana banyu *(abari aho bose bakomye amashyi)*.

**ITANGWA RY' UMUGISHA, MU MPANDE ZOSE, ABARI AHO BICAYE MO.**

1/ Mubyeyi mwiza, uyu mugisha umpaye gutanga, umpe kuwutangana umutima mwiza, kwiyoroshya, kwihangana, no kwihanganirana; umpe kuwutangana icyubahiro cya Nyagasani. Umpe kuba igikoresho cyawe n'icy'ab'isi yose.
Ku izina ry'Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu. Amina.

2/ Mubyeyi mwiza, uyu mugisha umpaye gutanga, umpe kuwutangana umutima mwiza, kwiyoroshya, gukunda no gukundana, kumva ko ntacyo ndi cyo imbere y'abantu, n'imbere y'isi yose, kumva ko ndi igikoresho cyanyu; umpe no kuwutangana icyubahiro cy'Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu. Amina.

3/ Mubyeyi mwiza, uyu mugisha umpaye gutanga, umpe kuwutangana umutima mwiza, ukwiyoroshya, ukwicisha bugufi. Umpe kuwutangana icyubahiro cya Nyagasani.
Kandi Mubyeyi Mwiza, ugushaka kwawe gukorwe mu Isi no mu Ijuru.
Ku izina ry'Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu; Amina.

*(Valentine arikirije).*

4/ Mubyeyi mwiza, uyu mugisha umpaye gutanga, umpe kuwutangana umutima mwiza; ukwihangana no kwihanganirana; kwicisha bugufi; kumva ko ndi igikoresho cyawe n'icy'ab'isi yose. Umpe no kuwutangana icyubahiro cya Nyagasani.
Ku izina ry'Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu; Amina.

5/ Mubyeyi mwiza, uyu mugisha umpaye gutanga, umpe kuwutangana umutima mwiza; ukwihangana no kwihanganirana; kwicisha bugufi; kumva ko ntacyo ndi cyo imbere yawe n'imbere y'abantu bose. Kumva ko ndi igikoresho cyawe n'icy'ab'isi yose. Kandi umpe no kuwutangana ukwicisha bugufi, kumva ko ntacyo ndi cyo.
Ku izina ry'Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu. Amina.

6/ Mubyeyi mwiza, uyu mugisha umpaye gutanga, umpe kuwutangana umutima mwiza, kwihangana no kwihanganirana; kumva ko ndi igikoresho cyawe n'icy'ab'isi yose, kandi kumva ko ntacyo ndi cyo.
Ku izina ry'Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu. Amina.

7/ Mubyeyi mwiza, uyu mugisha umpaye gutanga, umpe kuwutangana umutima mwiza, kwihangana no kwihanganirana; kumva ko ndi igikoresho cyanyu n'icy'ab'isi yose; kumva ko, ntacyo ndi cyo, imbere y'abandi; umpe no kuwutangana icyubahiro cya Nyagasani.
Ku izina ry'Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu. Amina.

8/ Mubyeyi mwiza, uyu mugisha umpaye gutanga, umpe kuwutangana umutima mwiza, kwihangana no kwihanganirana, kwicisha bugufi, kumva ko ntacyo ndi cyo imbere y'abantu; kumva ko ndi igikoresho cyawe n'icy'ab'isi yose; umpe no kuwutangana icyubahiro cya Nyagasani. Ku izina ry'Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu. Amina.

9/ Mubyeyi mwiza, uyu mugisha umpaye gutanga, umpe kuwutangana umutima mwiza, ukwihangana no kwihanganirana, kwicisha bugufi; kumva ko ntacyo ndi cyo, imbere y'abantu, kumva ko ndi igikoresho cyawe n'icy'ab'isi yose; kandi umpe kuwutangana icyubahiro cya Nyagasani. Ku izina ry'Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu. Amina.

10/ Mubyeyi mwiza, uyu mugisha umpaye gutanga, umpe kuwutangana umutima mwiza, ukwihangana no kwihanganirana, ukwicisha bugufi, kumva ko ndi igikoresho cyawe n'icy'ab'isi yose; kumva ko ntacyo ndi cyo, no kuwutangana icyubahiro cya Nyagasani.
Ku izina ry'Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu. Amina

11/ Mubyeyi mwiza, uyu mugisha umpaye gutanga, umpe kuwutangana ubwicishe bugufi; ukwihangana no kwihanganirana; kumva ko ntacyo ndi cyo; kumva ko ndi igikoresho cyanyu n'icy'ab'isi yose; kumva ko ngomba kwakira uje ansanga wese, ntawe nshubije inyuma; kumva ko ndi igikoresho cyanyu, no kuwutangana icyubahiro cya Nyagasani. Ku izina ry'Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu. Amina.

12/ Mubyeyi mwiza, uyu mugisha umpaye gutanga, umpe kuwutangana umutima mwiza, kwicisha bugufi, kwihangana, na kwihanganirana; kumva ko ndi igikoresho cyawe n'icy'ab'isi yose; kumva ko, ntacyo ndi cyo; umpe no kuwutangana icyubahiro cya Nyagasani.
Ku izina ry'Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu. Amina.

13/ Mubyeyi mwiza, uyu mugisha umpaye gutanga, umpe kuwutangana umutima mwiza, kwihangana no kwihanganirana; umpe kuwutangana icyubahiro cya Nyagasani, kwicisha bugufi, kumva ko ntacyo ndi cyo imbere y'abantu n'imbere y'isi yose; kumva kandi ko ngomba kubaha, buri umuntu nk'undi wese, nkakira uje ansanga, kandi nkabikorana umutima mwiza; umpe no kuwutangana umutima mwiza, no kuwutangana icyubahiro cya Nyagasani.
Ku izina ry'Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu, Amina.

14/ Mubyeyi mwiza, uyu mugisha umpaye gutanga, umpe kuwutangana umutima mwiza; kwicisha bugufi, kwiyoroshya; kumva ko ntacyo ndi cyo; kumva ko ndi igikoresho cyawe, n'icy'ab'isi yose; umpe no kuwutangana icyubahiro cya Nyagasani.
Ku izina ry'Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu. Amina.

15/ Mubyeyi mwiza, uyu mugisha umpaye gutanga, umpe kuwutangana umutima mwiza, urukundo, kwicisha bugufi; kumva ko ntacyo ndi cyo, kumva ko ndi igikoresho cyawe, n'icy'ab'isi yose, kwicisha bugufi; kumva ko ndi igikoresho cyawe.
Ku izina ry'Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu. Amina.

16/ Mubyeyi mwiza, uyu mugisha umpaye gutanga, umpe kuwutangana ubwitonzi; kwicisha bugufi, kumva ko ndi igikoresho cyawe n'icy'ab'isi yose, umpe kuwutangana ubwicishe bugufi, kumva ko ngomba, kumva buri muntu wese, no kwakira buri wese, umpe no kuwutangana icyubahiro cya Nyagasani. Ku izina ry'Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu. Amina.

17/ Mubyeyi mwiza, uyu mugisha umpaye gutanga, umpe kuwutangana umutima mwiza, kwicisha bugufi; ubwiyoroshye, kumva ko ntacyo ndi cyo imbere yawe n'imbere y'abantu bose, umpe kuwutangana icyubahiro cya Nyagasani; umpe kumva ko ngomba kwakira buri muntu wese no kumwumva no kumwakira uko ari; umpe no kuba umujyanama w'ukuri ukorera mu kuri. Ku izina ry'Imana Data na mwana na Roho Mutagatifu. Amina.

18/ Mubyeyi mwiza, uyu mugisha umpaye gutanga, umpe kuwutangana umutima mwiza, kwihangana no kwihanganirana, kumva ko ntacyo ndi cyo, kumva ko ndi igikoresho cyawe, n'icy'ab'isi yose. Ku izina ry'Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu. Amina.

19/ Mubyeyi mwiza, uyu mugisha umpaye gutanga, umpe kuwutangana ukwicisha bugufi, ubwiyoroshye, kwakira icyo umpaye cyose, kugira abandi inama, kumva ntaca urubanza, mu rukundo nyarwo, rukunda buri muntu wese ndetse n'umwanzi wanjye; umpe kubitangana icyubahiro cya Nyagasani, nuko ndi igikoresho cyawe. Ku izina ry'Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu. Amina.

20/ Mubyeyi mwiza, uyu mugisha umpaye gutanga, umpe kuwutangana umutima mwiza,

kwiyoroshya, kwicisha bugufi, kwihangana no kwihanganirana, umpe no kuwutangana icyubahiro cya Nyagasani.; kumva ko ntacyo ndi cyo imbere yawe n'imbere y'abantu, ko ndi igikoresho cyawe, no kuwutangana icyubahiro cya Nyagasani. Ku izina ry'Imana Data na mwana na Roho Mutagatifu. Amina.

21/ Mubyeyi mwiza, uyu mugisha umpaye gutanga, umpe kuwutangana umutima mwiza, kwicisha bugufi, kwiyoroshya, kumva ko ntacyo ndi cyo, imbere yawe n'imbere y'abantu, kumva ko ngomba kuwutangana icyubahiro cya Nyagasani; nkumvira untumye aho ushaka, kandi, ngakora ugushaka kwawe. Ku izina ry'Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu. Amina.

Valentine atanze uyu mugisha, ahagaze imbere y'aho abapadiri basomye Misa bicaye. Ahereye ku mupadiri umubereye Umuyobozi wa Roho (Père spirituel); amusutse amazi y'umugisha mu kiganza; arayanyoye.
Valentine abaye nk'ushaka kugana ku wundi wicaye iruhande, ariko asa n'ugaruka, areba uwo mupadiri amaze guha amazi; areba hejuru, asa nubwiwe ikintu, nuko aca bugufi, afata wa Musaraba yari afite mu ntoki, awereka uwo mupadiri, arawusoma.
Valentine afashe ikiganza cy'iburyo cy'uwo mupadiri, asoma impeta iriho.
Valentine ageze ku mupadiri w'Umwongereza, amuha amazi y'umugisha, nawe amwereka wa Musaraba. Uwo mupadiri arawusoma, nuko Valentine asoma Umudari munini wa Bikira Mariya uwo mupadiri yambaye mu gituza. Ageze ku mupadiri w'Umutaliani, nawe bigenda bityo.
Umubikira wari hamwe nabo, nawe Valentine yamuhaye amazi y'umugisha, amwereka Umusaraba, amubwira kuwusoma, nuko yongera ho ati: "Wakoze kuza."
Valentine afashe wa Musaraba, arawusomye, arongera awusubiza mu mufuka we.
Agiye agana ku meza ateretseho ishusho ya Yezu, ahageze, afata igikombe (tasse) gihari, iriho ishusho rya Yezu.

Afashe inkongoro ihateretse, arayipfunduye, arebyemo, ashyira inzindaro ku ruhande.
Valentine arahindukiye, agana ahateretse ishusho ya Bikira Mariya. Ahageze, ahasanga inkongoro yaraye (kurara), n'amata yabogoye ku mwenda w'ameza wari uhateguye.
Valentine ateruye iyo nkongoro, ayeretse Bikira Mariya, ku buryo abantu bose bakurikiraga nabo babibonye, bakabona nuko inkongoro yaraye (kurara) iturutse ku rugara; babona n'ukuntu amata yabogoye nta n'igitonyanga cyageze hasi ahubwo kuri uwo mwenda, amata yabaye amavuta. Inkongoro arayiteretse.

Valentine akomeje agana na none, imbere y'ishusho nini ya Yezu Kristu; ahasanze ya nkongoro yahasize, arayiterura, ararebye asanga harimo amata, abaye nk'uyatura Yezu, akomeza gufata iyo nkongoro.

**BIKIRA MARIYA**: Bana banjye nta kibazo, nakiriye ituro mwampaye. Murakagira amata.
*(Abari aho bongeye gukoma amashyi menshi, bavuza n'impundu).*

**VALENTINE**: Si ubizi ko ntajya nywa amata? - *(ateze amatwi)* - ariko ano ni meza! - *(avuze yongorera ati):* ariko ni amata!

**BIKIRA MARIYA**: Kumvira ni byiza.

**VALENTINE**: *(yumviye UMUBYEYI, akoze ikimenyetso cy'Umusaraba, hanyuma asomye kuri ya mata incuro eshatu, arongera akora ikimenyetso cy'Umusaraba, asubiza inzindaro ku nkongoro ayitereka imbere y'ishusho ya Yezu. Abari aho bakomye*

*amashyi)* - Urakoze Mama. Ariko nizere ko ab'iwacu batabibonye! – *(avuze yongorera, hanyuma arikiriza).*

**BIKIRA MARIYA**: Bana banjye murakoze. Mbahaye umugisha mwese; mbifurije ibyiza byose; mbifurije amahoro n'amahirwe. Abarwayi mbifurije gukira, kandi mbahaye umugisha wa Kibyeyi - *(abari aho bakomye amashyi menshi).*

Bana banjye, bana banjye, bana banjye… Nimugende mube **abavugabutumwa**. **Muvugishe ukuri kubyo muzi, mwabonye, mwumvise by'ukuri.** Bana banjye, abajya kure mbifurije urugendo rwiza; abari mu rugo nabo mbifurije amahoro namwe muri hano; abaguma nabo hano mbifurije amahoro. Kandi bana banjye, ndagendana namwe mu byo muhura nabyo byose kugeza mugeze mu rugo - *(abari aho bakomye amashyi menshi, bavuza n'impundu nyinshi)*.

Bana anjye: bibondo, bangavu, babyeyi. Mbasabiye mwese umugisha ku Mwana Wanjye Yezu Kristu aho muri hose; kuko muri indabo zanjye – (Valentine arikirije. Atanze umugisha areba impande zitandukanye) - Ku izina ry'Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu. Amina.
Ku izina ry'Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu. Amina.
Ku izina ry'Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu. Amina.
Ku izina ry'Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu. Amina.
Mpaye umugisha abana banjye bose kuri uyu munsi banyiteguye, bari kumwe nanjye, bari kunkurikira n'abazankurikira ejo n'ejobundi. **N'Umwana wanjye mwes eyabahaye umugisha kandi tubashyize mu Gishura cyacu** - *(Valentine arikirije).*

Bana banjye, impamvu kenshi nifata gutya - *(Valentine yifashe uko abona Bikira Mariya yifashe)* - **Amaboko mu gituza cyanjye ni ukuvuga ngo byose byibumbiye muri Njye**; byose mbibumbiye mu Mutima wanjye.
Namwe ibyo mwambwiye byose, nabishyize mu Mutima wanjye. Namwe mwese, muri mu Mutima wanjye bana banjye - *(Abantu baraho bose bakomye amashyi).*
Ni uko naje kubasura **kugira ngo byose byibumbire muri Njye**.
Ntabwo naje meze gutya – *(Valentine yifashe uko abona Bikira Mariya yifashe, amaboko atibumbiye mu gituza cye, ahubwo ibiganza bireba imbere - arikirije kabiri).*

**BIKIRA MARIYA**: Bana banjye, bababwiye ngo mushushanye ikintu mukunda, mwagishushanya mute? Mushushanye uwo mukunda, mwamushushanya mute? Cyane cyane ababyeyi banyu, mukunda cyane, mwabaha iyihe sura? Abana banyu se?
Namwe rubyiruko, abo mwita incuti zanyu? Mubashushanyije, mwabashushanya basa bate, ukurikije ibiri mu mutima wawe?
None se, ushushanyije uwo udakunda, utazi, utabonye, wamushushanya gute?
Ese warusha wawundi ushushanyije umumama wamubyaye? Se wamubyaye? Umukobwa akunda, cyangwa umudamu akunda, cyangwa umugabo akunda, cywanga umusore akunda?
Amushushanya neza kuko, aba yaramwihebeye mu mutima we.

**None se mushushanyije nka Njye, umubyeyi wo mu ijuru, wabyaye imana ku isi yose, wabyaye umucunguzi w'abantu,** mwamushushanya mute? Mushushanyije **Uwabapfiriye**, mwamushushanya mute?
Abo bantu babiri, mubahe Urukundo bakwiye. Mubahe **isura** yabo y'ubwiza burenze kamere; y'ubwiza bwuzuye Ubwiza bw'Imana: Ubwiza bwuzuye Urukundo rw'Imana; Ubwiza bwuzuye Ubusabane; Ububyeyi buruta ubw'abandi babyeyi. Wiremeye uwawe, wamushushanya ute?

Ngira ngo icyo nshaka kuvuga muracyumva - *(Valentine arikirije)* - Mvuze make, irindi ndaribitse - *(Valentine yikirije kabiri)*.

Bana banjye, natinze; navuze byinshi. Mfite n'akazi kenshi ariko ndishimye kuko nabanye namwe; kandi ndagumana namwe; kandi nzabana namwe. Niyo mpamvu rwose ndibugendane namwe, aho munyura hose. N'icyo mwahura na cyo cyose ntimugire ubwoba.

Mpaye umugisha, ibyo mugiye gusangira byaba ibyo kurya no kunywa; mpaye umugisha amazi yose, mwazanye, n'ayo mwavomye muvuga ko ari ay'umugisha. Aho muri hose mbahaye Umugisha. **N'Umwana wanjye Yezu Kristu mu kiganza kimwe tubahaye umugisha.** Ku izina ry'Imana Data na Mwana na Roho mutagatifu. Amina.
*(Abari aho bakomye amashyi menshi bavuza n'impundu nyinshi. Valentine arapfukamye arikirije).*

**VALENTINE**: Mwari mumaze iminota itatu gusa - *(yikirije gatatu ageze aho ati)*: Karame.
***VALENTINE ATEYE AMASENGESHO***:

Ku izina ry'Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu, Amina.

Dawe uri mu ijuru,
Izina ryawe ryubahwe,
Ingoma yawe yogere hose.
Icyo ushaka gikorwe mu nsi nk'uko gikorwa mu ijuru.
Ifunguro ridutunga uriduhe none.
Utubabarire ibicumuro byacu,
Nk'uko natwe tubabarira abaducumuyeho.
Ntudutererane mu ibitwoshya, ahubwo udukize icyago. Amina.

*(Valentine arikirije)*

Je confesse à Dieu tout-puissant,
Je reconnais devant vous, frères et sœurs,
que j'ai péché en pensée, en parole, par action et par omission ;
oui, j'ai vraiment péché.
C'est pourquoi je supplie la bienheureuse Vierge Marie,
les anges et tous les saints, et vous aussi, frères et sœurs,
de prier pour moi le Seigneur notre Dieu. Amen.

*(Valentine arikirije)*

Dawe icyo ushaka gikorwe mu nsi no mu Ijuru.

Notre Père, qui es aux cieux,
que ton nom soit sanctifié,
que ton règne vienne,
que ta volonté soit faite sur la terre comme au ciel.
Donne-nous aujourd'hui notre pain de ce jour.
Pardonne-nous nos offenses,
comme nous pardonnons aussi à ceux qui nous ont offensés.
Et ne nous laisse pas entrer en tentation
mais délivre-nous du Mal. Amen.

*(Valentine arikirije)*

Ndakuramutsa Mariya.
Wuzuye Inema uhorana n'Imana,
Wahebuje ababyeyi bose umugisha,
Na Yezu Umwana wabyaye arasingizwa;
Mariya Mutagatifu, Mubyeyi w'Imana,
Urajye udusabira twe abanyabyaha,
Kuri ubu, n'igihe tuzapfira. Amina.

Je vous salue Marie, pleine de grâce ;
Le Seigneur est avec vous.
Vous êtes bénie entre toutes les femmes
Et Jésus, le fruit de vos entrailles, est béni.
Sainte Marie, Mère de Dieu,
Priez pour nous pauvres pécheurs,
Maintenant et à l'heure de notre mort. Amen.

*(Valentine arikirije)*

Mariya losako otondi Gracia
Mokonzi azali na yo
Abenisi yo yambo ya bansi banso
Abenisi pe Yesu Muana wayo
Nsatu Maria Mama wa Nzambe
Sambela po na biso basumuki
Sikawa pe na ntango ya liwa na biso. Amen.

*(Valentine avuze yongorera ati):*

Eee! Iwanyu se murabizi! Muri icyo gihugu nibyo. Hahandi hose mwanyeretse!

Je vous salue Marie, pleine de grâce ;
Le Seigneur est avec vous.
Vous êtes bénie entre toutes les femmes
Et Jésus, le fruit de vos entrailles, est béni.
Sainte Marie, Mère de Dieu,
Priez pour nous pauvres pécheurs,
Maintenant et à l'heure de notre mort. Amen.

*(Valentine arikirije)*

M'BI FO MARIA, E FALEMBE GRASIA LA.
TIGI BA. B'I FE.
E BARKALEBE MUSO BE YE.
AN E KONO-LA-DEN YEZU BARKAREBE.
MARIA SENU ALLA BA.
ALLA DELI AN HAKE-KELAOU YE.
SISAN NI AN SA TUMA NA. AMINA.

Nakuamukiya Mama Maria, umejaa Neema
Bwana yu nawe. Umebarikiwa kuliko wanawake wote

Na Yesu Mzao wa tumbo lako amebarikiwa.
Maria Mtakatifu, Mama wa Mungu.Utuombee sisi wakosefu,
Sasa na wakati ya kufa kwetu. Amina.

Ibindi nzabyiga byose mbimenye.

*(Valentine arikirije)*

Dios te salve María,
llena eres de Gracia,
el Señor es contigo.
Bendita Tú eres entre todas las mujeres,
y bendito es el fruto de Tu vientre, Jesús.
Santa María, Madre de Dios,
ruega por nosotros, pecadores,
ahora y en la hora de nuestra muerte. Amén.

Niyubahwe Imana Data na mwana na Roho Mutagatifu.
Nkuko bisanzwe iteka, niyubahwe nubu n'iteka ryose. Amina.

Gloire au Père au Fils et au Saint Esprit.
Comme il était au commencement maintenant et toujours
et dans tous les siècles des siècles. Amen.

Bikira Mariya utasamannywe icyaha, urajye udusabira twese abaguhungiyeho.
Bikira mariya utasamannywe icyaha, urajye udusabira twese abaguhungiyeho.
Bikira Mariya utasamannywe icyaha, urajye udusabira twese abaguhungiraho.
Ku izina ry'Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu. Amina.

**BIKIRA MARIYA**: Wirirwe mwana wanjye nkunda.

**VALENTINE**: Wirirwe Mama urakoze.

*Ibonekerwa rirangiye saa munani na mirongo itatu n'umwe. (14h31).*
*Ryatangiye saa sita na makumyabiri n'itanu. (12h25). Nyuma y'ibonekerwa, abantu bamwe bihutiye kujya kwitegereza irya nkongoro n'amata ari ku gitambaro aho inkongoro iteretse. Abo bantu bemeza ko basanze ayo mata yahindutse amavuta, kandi, mu kanwa, bumva ayo mata afite uburyohe, buruta ubusanzwe. Ikindi nongeraho, nuko mu gihe nandika ibi mbabwira, iyo nkongoro yatangiye kwisubiranya ubwayo, iturutse hejuru, nta muntu uyikoze ho ikindi kidasanzwe ni ukuntu, inkongoro yari iteretse kwa Bikira Mariya yatangiye kurara n'amata akabogora, mu kanya gato ntawe ubikozeho: ibyo bikaba mu gihe gito cyane, kingana n'icyo Valentine yamaze, avuye kwa Bikira Mariya agana kwa Yezu akagaruka.*

*Ibonekerwa rihumuje, abari aho basangiye ifunguro ryateguwe uwo munsi. Habaye ho n'ubutanga-buhamya, nk'uko bisanzwe, kuramukanya, kumenyana, no kuganira ku Mateka ya Kihebo. Habayeho n'ikiganiro cy'itsinda ryifuza gusobanukirwa ku* ***butumwa*** *bwa Bikira Mariya Valentine Nyiramukiza ahabwa (conférence).*

*Kwandukura amajwi y'ubutumwa: Léoncie KANTAMAGE*

*Gusoma no kugukosora inyandiko:*
*Valentine NYIRAMUKIZA afatanije n'itsinda ry'AVMDKI ribishinzwe.*

*Gusubiramo imyandikire y'i Kinyarwanda : Jean-Baptiste HATEGEKIMANA.*